Ni kuki TIM ikora ibyo?

Ibyaha by'intambara ni ubwoko bw'ibyaha bubi cyane. Twemera ko abahamwa n'ibyaha by'intambara bagomba guhabwa ibihano bikaze ku rwego rwo hejuru rushobotse, aho baba bari hose. Ntabwo Ubuholandi bwifuza kuba indiri y'abakoze ibyaha by'intambara. Na none Leta y'Ubuholandi yifuza gukora ibishoboka byose ngo abantu baje mu Buholandi bahunze intambara babe batakongera guhura n'abicanyi baje bahunga.

Waba hari amakuru ufite ku byaha by'intambara? Yatugezeho:

Ishami rya polisi y'Ubuholandi
Itsinda ry'igihugu ry'ubugenzacyaha
Aderesi tubarizwaho
Hoofdstraat 54, 3972 LB Driebergen, The Netherlands
Agasanduku k'iposita
P.O. Box 11, 3970 AA Driebergen, The Netherlands
Terefone: +31 6 11 91 77 16 / +31 343 53 53 54
Fax: +31 343 53 64 82
Imeyiri: warcrimesunit@klpd.politie.nl
Urubuga rwa Interineti: www.warcrimes.nl

Iyi nyandiko ya KLPD yateguriwe ku mpamvu zo gutanga amakuru gusa.
Nta burenganzira bushobora gukomorwa mu bikubiyemo.
Kanama 2009
Itunganya ry'inyandiko • Het Lab-grafisch ontwerpers BNO, Arnhem
Amafoto • Midden Nederland unit, ANP

Ibyaha by'intambara: Bitumenyeshe!

Ishami ry'ubugenzacyaha mpuzamahanga

Ishami rya polisi y'Ubuholandi - Itsinda ry'igihugu ry'ubugenzacyaha

«waakzaam en dienstbaar»

POLITIE
Korps landelijke politiediensten
Netherlands Police Agency

Ibyaha by'intambara: Bitumenyeshe!

Niba uri impunzi ikomoka mu gihugu cyaba kiri mu ntambara, ibyo uzi wanyuzemo mu gihugu ukomokamo bishobora kutugirira akamaro. Ushobora kuba hari abakoze ibyaha by'intambara waba uzi bari mu gihugu cy'Ubuholandi.

Ese waba uzi umuntu waba yarakoze ibyaha by'intambara?

Niba hari umuntu waba uzi wakoze ibyaha by'intambara, ariko ukaba utazi aho wageza ayo makuru, menya ko Itsinda ry'igihugu ry'ubugenzacyaha mpuzamahanga (Team Internationale Misdrijven, TIM) rya Serivisi y'igihugu y'Ubushinjacyaha rikora amaperereza ku byaha by'intambara, jenoside, ibyaha by'ubuhotozi n'ibyaha byibasiye inyoko muntu. Niba umuntu wakoze ibyaha by'intambara ari mu Buholandi, birashoboka kumukoraho ipereresa. Dushobora na none kwifashisha amakuru watanga aramutse yatorokeye mu kindi gihugu. Mu myaka ishize, twakoze amaperereza mu bihugu by'u Rwanda, Afuganisitani, icyahoze cyitwa Yugosilaviya, Siyera Lewone, Liberiya na Kongo. Inkiko z'uBuholandi zimaze gukatira abakoze ibyaha by'intambara benshi igihano cy'igifungo.

Ni kuki TIM ishaka ko usoma ibi ngibi?

Birashoboka ko amakuru watugezaho yazadufasha gukurikirana abakoze ibyaha by'intambara. Nk'urugero, ushobora kuba ufite amakuru yerekeranye n'abaholandi bagize uruhare mu ntambara cyangwa se avuga ko wowe ubwawe wakorewe ibyaha byo mu ntambara.
Uko byaba bimeze kose, tugusaba kutugezaho amakuru ku bushake bwawe bwite. Bityo tuzareba icyo twakora dushingiye ku makuru uduhaye, kandi ayo makuru itsinda ry'ipereresa ryacu riyagira ibanga rikomeye.



Abakoze ibyaha by'intamabara ni bantu ki?

Abakoze ibyaha by'intambara ni abantu bakoze ibikorwa mu ntambara bibujijwe n'amategeko agenga urugamba. Ibyo bishobora kubarirwamo kwica imfungwa na/cyangwa abasiviri, gushyira abana ku rugamba, gufata abagore n'abakobwa ku ngufu, gusahura, kwica urubozo no gukoresha intwaro zibujijwe nk'ibyuka by'uburozi bihumanya.
Uwakoze ibyaha by'intambara ashobora kuba yarakoze ibyo bikorwa ubwe cyangwa yarategetse abandi kubikora. Byongeye kandi, ashobora kuba yaragize uruhare muri ibyo byaha bitewe n'urwego yariho akaba yarashoboraga kugira icyo akora ngo abibuze.